UMUNSI MUKURU W'URUGO RUTAGATIFU RW'I NAZARETI

Tariki ya 30/12/ buri mwaka Kiliziya ihimbaza Urugo rutagatifu rw'i Nazareti Mariya, Yezu na Yozefu. Muri Paruwasi ya Nyundo, umunsi w'urugo rutagatifu rw'i Nazareti rwahimbajwe hizihizwa Yubile y'imyaka 50 na 25 y'Isakramentu ry'Ugushyingirwa ku bakristu babyiteguye. Ni umunsi kandi ukomeye kubakristu bibumbiye muri AGI (Agisiyo Gatolika y'Ingo). Uyu munsi kandi witabiriwe n'Umwepiskopi wacu wayoboye Igitambo cya Missa ya gatatu muri Katedrale wahaye impanuro abakristu bose muri rusange ariko cyane cyane abashakanye.

Abakristu bakoze Yubile y'imyaka 50 na 25 bamaze bahawe Isakramentu ry'Ugushyingirwa, nyuma y'uko Umwepiskopi abahaye umugisha, yabaragije Umubyeyi Bikira Mariya abambika ishapule, abaha n'impano y'igitabo cyitwa ‘'UMUKATESHISTE W'URUGO''. Yaboneyeho kubashimira urugero rwiza batanze bongera kwibuka urukundo n'ubudahemuka basezeranye bashyingirwa none bakaba bakomeje gushimira Imana. Yaboneyeho kubabwira ko igitabo abahaye bazakifashisha kuba abakateshisite b'abandi bashinze ingi cyane cyane zimwe zifite ibibazo, cyangwa abagishinga ingo bakababa hafi.

Uyu munsi kandi hari n'ubutumwa bwihariye bw'Umuryango tubukurikire uko bwatanzwe.

INYIGISHO YO KU MUNSI MUKURU W'URUGO RUTAGATIFU RW'I NAZARETI
Ku cyumweru, tariki 30 Ukuboza 2018

"TWITE KU MURYANGO, DUTEGA AMATWI KANDI DUHEREKEZA NEZA ABASHAKANYE"

1. Bakristu bavandimwe, nimugire mwese Noheri Nziza, Umukiza yatuvukiye. Buri mwaka, umunsi mukuru w'Urugo rutagatifu rw'i Nazareti, urugo rwa YEZU, MARIYA na YOZEFU, utubera umwanya wo kuzirikana ku gaciro k'umuryango. Muri iyi myaka ibiri ishize,mu rwego rwo kubaka umuryango w'ejo, twazirikanye ku kuntu urugo ari umuhamagaro utegurirwa mu muryango, kare kandi neza, mu burere bwuzuye buhabwa abana n'urubyiruko.
Twagize n'umwanya wo kuzirikana ku byo gutegura neza abagiye gushinga urugo, muri iki gihe abenshi usanga batazi neza uburenganzira n'inshingano zibategereje nk'abashakanye.

Inyandiko ya Papa Fransisko, "Ibyishimo by'urukundo", isoza Sinodi ku muryango, ni yo yatumurikiye mu guhitamo ingingo-nyamukuru zo kuzirikanaho. Ni muri urwo rwego, uyu mwaka, twahisemo insanganyamatsiko igira iti : "**TWITE KU MURYANGO, DUTEGA AMATWI KANDI DUHEREKEZA NEZA ABASHAKANYE".**

2. Umushinga wo kubana akaramata, kuri roho no ku mubiri, ari mu byishimo no mu makuba, usaba imbaraga zikomeye. Kimwe mu bibazo byugarije umuryango, muri iki gihe, ni uko abamaze gushyingirwa, usanga nta buryo butomoye bwo kubaherekeza muri uwo muhamagaro. Abenshi batangira guhura n'ingorane zijyanye no gutangira gutahura ko hari ibyo batandukaniyeho, batumva kimwe cyangwa badakora ku buryo bumwe, bitewe n'ibyo bamenyereye mu miryango yabo. Umwe mu bashakanye hari ubwo bimugora kandi kwihanganira utugeso mugenzi we yamuhishe bakitegura gushinga urugo. Ibi byose bikiyongeraho n'ibibazo byo guhangana n'ubuzima buhenze, akazi, kubyara no kurera, ibikomere by'ubuzima, amacakubiri no kutumvikana ku migambi imwe n'imwe y'urugo. Ibyo bikababera imbogamizi mu rukundo rwabo, ndetse bitatangirirwa hafi bakaba barusenya, kubera kubura ababatega amatwi, ababagira inama.

3. Abakirushinga bagomba gutangira guherekezwa hakiri kare, kugira ngo urukundo rwabo rukure, aho guhera gusa mu marangamutima. Ikenurabushyo "ryunga kandi rifasha abashakanye guhana imbabazi"1, rigomba kwitabwaho kuko isakramentu ryo gushyingirwa rizira ubutane. Bagomba gufashwa kuganira

ku bintu byose, gufata ibyemezo hamwe, kwakira undi nk'impano, kwigomwa, kwitsinda, kudategereza ibirenze urugero ku wo mwashakanye, kubabarirana kenshi kugira ngo urugo rujye mbere.

4. Buri rugo rw'abashakanye ni "amateka y'umukiro"2, ahera ku mbaraga nke za muntu zitabarwa buri munsi n'ingabire y'Imana. Gukundana kw'abashakanye ni no kumenya kwihangana no gutegereza ko mugenzi wawe agenda akubaka buri munsi kandi yiyubaka. Ni ukurebera ku iremwa ry'umugabo n'umugore : Imana yaremye mbere na mbere Adamu (Intang 2,7), nyuma isanga ko ataba wenyine kuko yaburaga icy'ingenzi, imukuramo kandi imwubakira umugore bazishimana. Ibyishimo by'abashakanye byubakwa na babiri, bafashijwe n'ingabire y'isakramentu.

5. Papa Fransisko mu nyandiko ye "Ibyishimo by'urukundo"ashishikariza abashakanye kwitabira gahunda yo kubyara no kurera, yemewe na Kiliziya Gatolika, ishingiye kumenya "iminsi n'ibihe bya kamere by'uburumbuke"3, hadakumiwe ihame ry'ubuzima. Ibi bifasha abashakanye kumenyana bihagije, kubaha ubuzima, kuba ababyeyi nyakuri, babyara abo bishingiye, bazarera neza, kandi "abana umuntu abyaye bakaza ari ingabire y'Uhoraho"(Zab127,3). Ababizobereyemo bagomba gufata iya mbere mu guhugura abandi, bagira inama imiryango itari mike ikeneye ubufasha bwabo.

6. Diyosezi, Paruwasi na kominote zinyuranye zishyire imbaraga, mu guhuriza hamwe abashakanye mu mahuriro ahoraho, kuko baganira ku buzima bwabo, bagahanana, bakagirana inama kandi bagafasha abafite ibibazo gushaka umuti, cyane cyane bibanda ku bari "mu myaka ya mbere y'ubuzima bw'abashakanye"4. Aya "mahuriro y'ingo nkirisitu"5 rero ni ishuri rihoraho risigasira umuryango.

7. Muri iryo kenurabushyo rero, ingo z'ikitegererezo zifite ubunararibonye ni ngombwa mu guhuza no kugira abandi inama. Nibyo Papa Fransisko adushishikariza agira ati : "Na none, haramutse hashatswe abashakanye bafite ubunararibonye, bahabwa ubutumwa bwo guherekeza ingo baturanye zikiri nto, bakajya bazigenderera, baziherekeza mu ntango maze bakazihitishamo inzira yo gucamo kugira ngo zigere ku bukure, bishobora kugira akamaro".

8. Ubuzima mbonezamana nabwo buhabwe umwanya w'ibanze mu muryango. Kwimakaza "isengesho rikozwe n'umuryango kandi rikorewe mu muryango"7 hifashishijwe Ijambo ry'Imana, no "guhimbariza hamwe igitambo cy'Ukaristiya ku cyumweru"8, ni zimwe mu ngamba zikomeye ingo z'abakristu zigomba kugenderaho. Abagize umuryango basengera hamwe bakomeza kandi barushaho kuba umwe. Habaho gukora amatsinda y'ingo bakajya bahabwa inyigisho zihoraho, gukorera hamwe ingendo nyobokamana, n'ibindi byose byabafasha kunga ubumwe.

9. Ku kibazo cy'abamara gushyingirwa, bakaburira mu guhangana n'ubuzima bushya, umuryango w'abakristu rimwe na rimwe ntiwongere kubaca iryera, Kiliziya ikwiriye kunoza ikenurabushyo ry'itangwa ry'amasakramentu y'ibanze, "igihe hari batisimu y'umwana, hari uhabwa Ukalistiya ya mbere, cyangwa igihe abantu benshi baje mu gushyingura cyangwa gushyingira gikristu, kuko ariho yongera guhura n'abatakiboneka".

10. Si ingo zikiri nto zigomba guherekezwa gusa, n'izindi zose, cyane cyane izifite ibibazo byihariye. Twavuga nk'ingo zagaragayemo ubuharike, ababana mu buryo bumeze nk'igerageza, abatarabonye cyangwa bagitegereje urubyaro, abapfakazi, abashakanye batabana kandi bataratandukanye, ababana batarasezeranye muri Leta cyangwa mu Kiliziya, abashakanye badahuje idini, n'abandi. Gahunda ihoraho y'isangirabuzima ikorerwa mu mahuriro no mu matsinda agize umuryango n'ibyiciro binyuranye bigize umuryango, ni ibyo gushyigikirwa no kunozwa.

11. Ikenurabushyo ry'umuryango rigomba no kwita, muri iki gihe, ku babana badahuje idini cyangwa umwe nta kwemera na mba,harebwa "uko babona indangagaciro bahuriraho bombi, bagashobora kuzisangira no kugira umwete wo kuzikomeza"10, nkuko Pawulo Mutagatifu abyibutsa ko "umugabo udafite ukwemera atagatifuzwa n'umugore we, n'umugore udafite ukwemera agatagatifuzwa n'umugabo we ufite ukwemera" (1 Kor 7, 14).

12. Abatagifite abafasha baseranye gikristu, bitewe n'impamvu zo kwitaba Imana, bahumurizwe kandi bashishikarizwe "kubasabira no kubakunda uko bameze by'ukuri, mu bundi buzima11. Ibyanditswe bitagatifu bitubwira ko Imana yaturemye kubera urukundo, ku buryo ubuzima bwacu butarangizwa n'urupfu (Buh 3,2-3).

13. Ndangije nshishikariza Diyosezi na Paruwasi gushyira imbaraga mu iyogezabutumwa n'ikenurabushyo ry'umuryango, mu guhuriza hamwe amatsinda mato yorohera isangirabuzima, abashakanye bakibana n'abafite ibibazo bahuriramo. Zihugure ku buryo buhoraho abihayimana n'abalayiki bafite ubutumwa bwo kuyobora no kwigisha iyobokamana, mu byerekeye gukemura ibibazo byugarije umuryango. Hakwitabazwa kandi intiti z'abakristu, zaminuje mu byerekeye imibanire n'imitekerereze y'abantu, abaganga, ababuranira abandi, abize ubuzima bwa kamere mbonezabitsina, abagira abandi inama, abajyanama ba roho n'abandi. Ingo z'abakristu, kubera ingabire n'ibyishimo by'isakramentu ryo gushyingirwa, babe koko "Ivanjili y'umuryango"12, bagira uruhare rukomeye mu ikenurabushyo riherekeza abashakanye n'abagize umuryango bose. Abafite ingorane zikomeye kandi ziruhije kubonerwa igisubizo, na bo bahumurizwe kandi bagirwe inama.

Mbaragije Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina
wa Jambo n'Umwamikazi w'amahoro.

+ Antoine KAMBANDA
Umushumba wa Diyosezi ya KIBUNGO,
watorewe kuba Arkiyepiskopi wa Kigali,
Akaba n'Umukuru wa Komisiyo y'umuryango
mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

Padiri Jean Marie KWIZERA